ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/11 RYO KUWA 03/05/2005 RYEREKEYE IMITERERE, IMIKORERE N'ABAGIZE KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE ISHYIRWAHO RY'IBIGO BIKORERWAMO IBYA FARUMASI

Minisitiri w'Ubuzima,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, igika cya mbere, iya 121-1°, n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02 Nyakanga 1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 11 n'iya 13;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 26 Mutarama 2005 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere:

Komite y'Igihugu ishinzwe Ishyirwaho ry'Ibigo bikorerwamo ibya farumasi, yitwa mu magambo akurikira "Komite,, ni urwego rwa Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo kandi rugenzurwa na Minisitiri.

Ingingo ya 2:

Komite ifite inshingano zikurikira :

1) kugena aho farumasi zidandaza imiti n'ibigo bicuruza imiti n'izindi nzu zicururizwamo imiti bikorera hakurikijwe ibyo bigomba kuba byujuje bigenwa n'iri teka;

2) gusuzuma amadosiye asaba gufungura, kwimura cyangwa kwegurira undi muntu ikigo gicuruza imiti no kugira inama Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze kugira ngo afate icyemezo cyo gutanga uruhushya.

Ingingo ya 3:

Komite igizwe n'abantu umunani;

1) Umuyobozi wa Farumasi muri Ministeri ifite Ubuzima mu nshingano zayo , uhagarariye Minisitiri, Perezida;
2) Uhagarariye Minisiteri ifite Ubucuruzi mu nshingano zayo, Visi-Perezida;
3) Umufarumasiye w'Umugenzuzi muri Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo, Umwanditsi;
4) Uhagarariye Abaguzi;
5) Ushinzwe Ubwiza bwa Serivisi z'ubuvuzi muri Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo; umwe mu bagize Komite;
6) Abantu 2 bahagarariye abafarumasiye bashinzwe farumasi zakira rubanda, batoranywa na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze;

7) Uhagarariye abafarumasiye bashinzwe farumasi zitagenewe kwakira rubanda, utoranywa na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze;
8) Abantu babiri bahagarariye abafarumasiye bashinzwe ibigo biranguza imiti, batoranywa na Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze.

Igihe abagize Komite bamara ku mirimo yabo ni imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Ingingo ya 4:

Komite iterana rimwe mu mezi atatu n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na perezida wayo cyangwa, igihe adahari, agize impamvu zimubuza, igatumizwa na Visi-Perezida. Ubutumire bushyikirizwa abagize Komite iminsi umunani y'akazi mbere y'itariki inama izaberaho.

Ibyemezo byafashwe na Komite bigira agaciro ari uko 2/3 by'abayigize bitabiriye inama.

Iyo umubare wa ngombwa utuzuye, Komite yongera guterana mu minsi itarenze cumi n'itanu. Ubutumire bushyikirizwa abagize Komite iminsi umunani y'akazi mbere y'itariki inama izaberaho. Icyo gihe Komite ifata ibyemezo hatitawe ku mubare w'abitabiriye inama.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busesuye bw'abitabiriye inama. Iyo amajwi angana, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.
Iyo Komite isanze ari ngombwa, ishobora gutumira mu nama zayo umuntu ibonaho ubushobozi kugira ngo ayungure inama.

Ingingo ya 5:

Kwiga ku idosiye bigomba kurangira mu mezi atarenze ane nyuma y'igihe idosiye yagereye muri Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo.

Umwanzuro wa Komite ku idosiye isaba uruhushya ushyikirizwa Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze mu minsi icumi (10) y'akazi ikurikira itariki inama yabereyeho.

Minisitiri afata icyemezo ku ruhushya rutangwa kandi akabimenyesha uwarusabye mu nyandiko. Icyemezo cyose gifashwe giciye ukubiri n'umwanzuro Komite yari yafashe kigomba kugaragaza impamvu zashingiweho.

Ingingo ya 6:

Uwasabye uruhushya ashobora gusaba ko idosiye ye yongera gusuzumwa na Komite. Inyandiko ibisaba ishyikirizwa Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze mu minsi umunani (8) y'akazi ikurikira itariki yamenyeshejweho icyemezo cyafashwe ku idosiye ye ya mbere.

Icyo gihe Komite isabwa kongera gusuzuma iyo dosiye mbere y'izindi, kandi igashyikiriza umwanzuro wayo kuri iyo dosiye Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze mu minsi itanu y'akazi. Icyemezo gifashwe na Minisitiri ntigisubirwaho.

Ingingo ya 7:

Kuri za farumasi zigenewe kudandaza imiti ku bazigana n'inzu zicururizwamo imiti z'abikorera ku giti cyabo, ishyirwaho ryazo rigomba gukurikiza amahame ngenderwaho akurikira:

1° Kuzisaranganya uturere zikoreramo kugira ngo byorohereze abazigana kubona imiti bitabagoye;
2° Gutanga serivisi nziza zishoboka zijyanye n'ubuhanga mu by'imiti ku baturage bazigana.

Ingingo ya 8:

Iyo hari farumasi nshya idandaza imiti itangiye gukorera iruhande rw'inzu icururizwamo imiti kandi imaze kubyemererwa na Komite, Ubuyobozi bwa Farumasi bugomba kumenyesha nyirayo ko uruhushya yahawe ruzarangira mu myaka ibiri (2).

Ingingo ya 9:

Amafaranga Komite ikoresha yishingirwa na Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo iyakuye ku ngengo y'imari yayo isanzwe hakurikijwe ingingo z'amategeko n'amabwiriza yubahirizwa mu Gihugu.

Ingingo ya 10:

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye naryo zivanyweho.

Ingingo ya 11:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 03 Gicurasi 2005

Minisitiri w'Ubuzima
Dr. NTAWUKULIRYAYO Jean Damascène

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda